M13/1/AXKIN/SP1/KIN/TZ0/XX

22130571

International Baccalaureate®
Baccalauréat International
Bachillerato Internacional

**KINYARWANDA A: LITERATURE – STANDARD LEVEL – PAPER 1**
**RWANDA A : LITTÉRATURE – NIVEAU MOYEN – ÉPREUVE 1**
**KINYARWANDA A: LITERATURA – NIVEL MEDIO – PRUEBA 1**

Wednesday 8 May 2013 (morning)
Mercredi 8 mai 2013 (matin)
Miércoles 8 de mayo de 2013 (mañana)

1 hour 30 minutes / 1 heure 30 minutes / 1 hora 30 minutos

---

INSTRUCTIONS TO CANDIDATES

- Do not open this examination paper until instructed to do so.
- Write a guided literary analysis on one passage only. In your answer you must address both of the guiding questions provided.
- The maximum mark for this examination paper is *[20 marks]*.

INSTRUCTIONS DESTINÉES AUX CANDIDATS

- N'ouvrez pas cette épreuve avant d'y être autorisé(e).
- Rédigez une analyse littéraire dirigée d'un seul des passages. Les deux questions d'orientation fournies doivent être traitées dans votre réponse.
- Le nombre maximum de points pour cette épreuve d'examen est *[20 points]*.

INSTRUCCIONES PARA LOS ALUMNOS

- No abra esta prueba hasta que se lo autoricen.
- Escriba un análisis literario guiado sobre un solo pasaje. Debe abordar las dos preguntas de orientación en su respuesta.
- La puntuación máxima para esta prueba de examen es *[20 puntos]*.


© International Baccalaureate Organization 2013

https://xtremepape.rs/

*Andika kuri **umwe** gusa mu myandiko wahawe. Mu gisubizo cyawe ugomba kugira icyo uvuga ku bibazo bikuyobora wahawe.*

**1.**

**Ngobyi Iduhetse**

Reka nkuratire abatakuzi
Uri urukundo rwanjye
Uri umutima wanjye
Uri umubyeyi wanjye
Uri ingobyi iduhetse.

Uri kamere yanjye
Nta wuhwanye na we
Uri kiberinka ngabe
Uri ingabire yanjye
Uri ingobyi iduhetse.

Mubyeyi w'ababyeyi
Mbega imisozi yawe
Mbega imigezi yawe
Mbega ibibazo byawe
Uri ingobyi iduhetse.

Ndumva ijwi nyabu
Ijwi ry'ibyiringiro
Nyaruka uryumve
Wicikwa banguka
Uri ingobyi iduhetse.

Ibibazo yego ibibazo
Ubukungu ibiciro
Umubano mu bantu
Wari warashegeshwe
Uri ingobyi iduhetse.

Iruhutse ngobyi impetse
Ndarahiye turahari twese
Tuguhaye amaboko
Imbere ni heza
Uri ingobyi iduhetse.

Uburezi kuri bose nibuze
Ubujiji buyoyoke
Mpiru na nyoni indwara
Kwivuza twisungane
Uri ingobyi iduhetse.



https://xtremepape.rs/

Ngwino gwino yewe
Andanda hose kuri bose
Rwa Gasabo soko ya rwo
Mbega rwiza weeeeeee!
Uri ingobyi iduhetse.

O Nasenge, *Umucyo watashye* (2008)

(a) Wavuga iki ku buryo umuhanzi amurika ingobyi iduhetse?

(b) Iga ibigaragazwa n'ikoreshwa ry'ishushyanya n'imizimizo muri iki gisigo.



https://xtremepape.rs/

**2.**

Umugoroba ukurikiyeho nyuma y'amasomo, izo nshuti eshatu zijya kwa Ruganzu, babonye agasoko bagira ngo bigurire ibiryo. Ruganzu yaratangaye cyane ababonye. Arababaza ati, "murakora iki hano bana?" Arongera ati, "ntekereza ko nabasabye kuva hano. Ntacyo erega mbamarira." "Hoshi nimutumuke."

Nyamara Uwase n'inshuti ze bari baje gufasha, ntibigeze bategа amatwi Ruganzu. Nuko erega baratangira. Uwase akubura inzu, Mugeni yoza igikoni mu gihe Muhire we yagiye kuvoma amazi no gutashya.

Nuko Uwase atangira kureba imyenda yanduye maze ayimesesha amazi Muhire yavomye mu gihe Mugeni yari ari gutekesha ibiryo inkwi batahije. Mu gihe kingana n'icyo guhumbya akazi bari bakarangije.

Ruganzu biramurenga. Inzu ye yari isukuye by'agatangaza, imyenda ye ishashagirana, ndetse yanabonye n'inkwi zo gutekesha ubwo impumuro y'ibiryo uko yatamye igira ku zuru rye. Ubanza yenda yari ashonje disi.

Ruganzu ashimira abo bana kubera ubufasha bwabo maze ababwira ko ashaka kubitura indirimbo. Ariko bo ntibabishaka. Bo banezerwa no gufasha abandi. Barangije umurimo, basezeye kuri Ruganzu bagira bati, "ngaho murabeho".

Ruganzu abura icyo yavuga, ariko yumva amarewe neza ugereranyije no mu byumweru byashize. Nibwo agize ati, "mbega ukuntu bizaba ari byiza kuzongera kubona urubyiruko rwazanshyirira gahunda mu nzu yanjye!"

Umunsi ukurikiyeho ba bana bagarutse gusasa barabanza banika uburiri kugira ngo ibinyamugera byarimo bipfe. Maze Ruganzu abakirana ubwuzu ye. Ku meza ye asukuye hariho igitabo cyorohereye cyane. Cyari gihambirije umugozi kandi ubona giteye amashyushyu yo kugikoraho. Maze Uwase asuma kugikoraho yigengesereye mbese nk'uwakora ku nzoka afite ubwoba ko yamubyukana igahita imuruma.

Ruganzu aseka agira ati, "humura humura, ntibiryana. Kiriya ni igitabo cy'indirimbo nanditse mu myaka yanjye yose maze kubaho. Enda reba."

Mbega impano idasanzwe Uwase n'inshuti ze bari bahawe n'inshuti yabo nshya! Maze baragisoma ye amasaha n'amasaha. Maze Ruganzu atangira kubigisha zimwe mu ndirimbo ze maze bararirimbana karahava igicamunsi cyose. Erega buba burije bagomba gutaha. Mbega umunsi ushimishije!

Ruganzu ati, "kuva ubu nta gisubizo 'oya' kizongera kumva mu kanwa. Reka dutangire indirimbo yanyu. Ndashaka rwose kubafasha nyabyo."

Uwase, Mugeni na Muhire barabyemera kuko bari bishimye cyane. Bari babonye uwo kubafasha bityo indirimbo yabo ikazaba agahebuzo!

Maze bagenda baririmba indirimbo inzira yose kurinda bagera mu rugo kandi barota igikombe bazatsindira.

Z Tanya, *Igitabo cy'Indirimbo* (2010)

(a) Wumva ute abavugwa muri iyi nkuru nuko aho bari harondorwa?

(b) Suzuma uburyo umwanditsi w'iyi nkuru akoresha insobeko mu guteza imbere ibitekerezo bye.



https://xtremepape.rs/